FORUM FOR AFRICAN WOMEN EDUCATIONALISTS
(FAWE RWANDA CHAPTER)

"Supporting girls and women to acquire education for development"

ITANGAZO

AMAHUGURWA ATEGANYIRIJWE ABAKOBWA N'ABAGORE MU BYEREKEYE GUTANGIZA NO GUCUNGA NEZA UMUSHINGA UBYARA INYUNGU NO GUKORESHA IKORANABUHANGA

FAWE Rwanda, ku nkunga ya UN Women Rwanda, yatangiye **Rwanda Career Women's Centre**, ifite intego yo kungura ubumenyi n'ubushobozi abagore n'abakobwa binyuze mu kubahugura kugirango babashe gukora imishinga ibyara inyungu cyangwa bashobore guhatana ku isoko ry'umurimo. Iki kigo kizatanga amahugurwa ku byerekeye imiyoborere no kwigirira icyizere (*leadership skills),* kuba rwiyemezamirimo w'umwuga, (*entrepreneurship and business develpment)*, ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gucunga umushinga (*digital skills)* .

Ni muri urwo rwego, ku nkunga yahawe na "La Francophonie" , FAWE Rwanda ishaka guhugura abakobwa n'abagore bafite hagati y'imyaka 21 na 35 y'amavuko bujuje ibi bikurikira:

- Kuba uri Umunyarwandakazi kandi ufite imyaka y'amavuko iri hagati ya 21 na 35
- Kuba utuye mu Mujyi wa Kigali
- Kuba wararangije umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye (S6) mu ishami ry'imyuga (TVET) cyangwa wararangije muri VTC kandi warahawe impamyabushobozi (certificate)
- Gutanga Fotokopi ya certificate ya TVET cyangwa VTC
- Gutanga Fotokopi y'indangamuntu
- Kuba ubu ufite umushinga ugendanye n'ibyo wize ukwinjiriza inyungu
- Gutanga Urwandiko rusobanura impamvu usaba aya mahugurwa rwandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FAWE Rwanda, mu nyubako ya REB iri i Remera bitarenze itariki 20 Gashyantare 2021.
- Kuzuza inyandiko iri ku mugereka w'iyi baruwa.
- Kuba wiyemeje kuzakurikirana amahugurwa ukayarangiza

Aya mahugurwa azamara ukwezi kumwe.

***Inyungu z' aya mahugurwa*:**

- Kugira ubumenyi mu kunoza umushinga hagamijwe kugira imikorere iboneye n'inyungu
- Kugira ubumenyi mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kubungabunga imari yawe, no kumenyekanisha no kwamamaza ibikorwa;
- Gukoresha ikoranabuhanga ukoresheje murandasi no kubikoresha mw'imenyekanisha ry'imisoro, nibindi;
- **Guhuzwa n'ibigo bitera inkunga imishinga**

- Guhuzwa n'abagore barwiyemezamirimo babigize umwuga kugirango babasangize ku bunararibonye bwabo

Ku mugereka w'iyi nyandiko shyiraho ibi bikurikira byavuzwe haruguru:

- Fotokopi y'indangamuntu
- Fotokopi ya certificate ya TVET cyangwa VTC
- Urwandiko rusobanura impamvu usaba aya mahugurwa rwandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FAWE Rwanda.

Inyandiko isaba yandikirwa Umuhuzabikorwa FAWE Rwanda i Remera mu nyubako za REB, ikoherezwa kuri izi email zikurikira: tmutabazi@fawerwa.org ugaha copi jkobusingye@fawerwa.org na robertmurenzi425@gmail.com bitarenze ku itariki ya 24 Gashyantare 2021. Ku bindi bisobanuro wabaza kuri tel 0788423170.

Icyitonderwa: Abatoranyijwe bazamenyeshwa amatariki naho amahugurwa azabera nyuma y'ijonjora. FAWE Rwanda izabishyurira byose bigendanye n'amahugurwa uretse icumbi.

Antonia Mutoro
Umuhuzabikorwa
FAWE Rwanda

FORUM FOR AFRICAN WOMEN EDUCATIONALISTS
FAWE RWANDA CHAPTER
P.O. Box 6703 KIGALI
Tel/Fax: (250) 252 582 514

FORUM FOR AFRICAN WOMEN EDUCATIONALISTS
(FAWE RWANDA CHAPTER)

"Supporting girls and women to acquire education for development"

Inyandiko isaba gukurikira amahugurwa:

1. Amazina yombi y'usaba : ……..
2. Igihe yavukiye (itariki, ukwezi, umwaka): ……/……../……..
3. Aho utuye: Akarere: …….. ……..Umurenge:…….. Akagari ……..……Umudugudu……..
4. Nimero y'indangamuntu……
5. Nimero ya telephone: ……, telefone y'undi muntu, umubyeyi/umuvandimwe wahafi: ……..
6. Warashatse cyangwa uri ingaragu (shyira uruziga aho bikwiye): Ingaragu Narashatse
7. Ufite abana bangahe (vuga umubare w'abo niba ntawe andika 0):
8. Impamyabushobozi ufite ni iya TVET cyangwa ni iya /VTC? …… Vuga ikigo cyayiguhaye:……..
9. Hari igikorwa kikwinjiriza inyungu ufite (shyira uruziga aho bikwiye): Yego /Oya
10. Niba ari yego, vuga icyo gikorwa mu make…… ……
11. Igikorwa cyawe (project kibarizwa he?: Akarere……Umurenge:…… Akagali……..Umudugudu……
12. Hari inkunga wigeze uhabwa ivuye mu kigo cy'imari Yego /Oya
13. Niba ari yego sobanura uko iteye a) Niba ari amafaranga ni angahe?…… Niba ari ibindi bivuge:……..
14. Ugereranyije umushinga wawe winjiza amafaranga angahe ku kwezi:……
15. Ni izihe mbogamizi wahuye na zo mu mushinga/igikorwa cyawe? …… ……
16. Ni ubuhe bumenyi wifuza gukura muri aya mahugurwa? ……... ……

Icyitonderwa:

Ntiwibagirwe gushyira ku mugereka w'iyi nyandiko ibi bikurikira byavuzwe haruguru:

- Fotokopi y'indangamuntu
- Fotokopi ya certificate ya TVET cyangwa VTC
- Urwandiko rusobanura impamvu usaba aya mahugurwa rwandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FAWE Rwanda.

Ibi byose bigezwa ku cyicaro cya FAWE Rwanda kiri i Remera mu nyubako za REB cyangwa byoherezwa kuri emails zikurikira: coordinator@fawerwa.org cyangwa tmutabazi@fawerwa.org cyangwa jkobusingye@fawerwa.org cyangwa robertmurenzi425@gmail.com bitarenze ku itariki ya 24 Gashyantare 2021. Ku bindi bisobanuro wabaza kuri tel 0788423170.

FORUM FOR AFRICAN WOMEN EDUCATIONALISTS
FAWE RWANDA CHAPTER
P.O. Box 6703 KIGALI
Tel./Fax: (250) 252 582 514